RTB | RWANDA TVET BOARD

# ITANGAZO

Urwego rw'Igihugu rushinzwe Tekinike, Imyuga n'Ubumenyingiro (RTB) rushimishijwe no kumenyesha ababyeyi n'abanyeshuri ko ku bufatanye na Leta y'Ubudage ibinyujije muri Banki y'Iterambere KFW, rugiye gutangira gushyira mu bikorwa umushinga mushya ufite inshingano zo gukuraho zimwe mu mbogamizi zibuza urubyiruko kubona amahirwe atangwa no kwitabira amasomo ya Tekinike, Imyuga, n'Ubumenyingiro. (TVET)

Umushinga uzishyurira amafaranga y'ishuri abanyeshuri babonye amanota meza mu kizamini cya Leta gisoza icyiciro rusange cy'amashuri y'isumbuye baturuka mu miryango ifite ubushobozi bucye, bazaba bahisemo amashuri ya Tekinike, imyuga n'ubumenyingiro uhereye mu mwaka w'amashuri wa 2023/2024. Umushinga uzishyurira abanyeshuri bazaba biga mu mashami akurikira:

- Agriculture,
- Animal Health,
- Manufacturing Technology,
- Wood Technology,
- Electrical Technology,
- Electronic and Telecommunication,
- Renewable Energy,
- Automobile technology

Ku ikubitiro, uyu mushinga uzatangirana n'ibi bigo 14 by'amashuri yisumbuye ya Tekiniki, bikazagenda byiyongera hagamijwe gufasha abanyeshuri bagera ku 4,000 mu gihe cy'imyaka itatu:

- ESTB Busogo,
- Kabutare TSS,
- Kinihira TSS,
- Nyanza TSS,
- Nyamata TSS,
- Nelson Mandela TSS,
- Mpanda TSS,
- EFA Nyagahanga,
- EAV Rushashi,
- Father Ramon Kabuga TSS,
- ES Kinazi TSS,
- Mibirizi Saint Augustin TSS,
- Gatumba TSS,
- Kabona TSS.

Turashishikariza urubyiruko rw'abanyarwanda gukomeza kugana amashuri yisumbuye ya Tekiniki, Imyuga n'Ubumenyingiro kugirango aya mahirwe ndetse n'izindi gahunda nziza bateganyirijwe bikomeze kubageraho.

Bikorewe i Kigali, kuwa 18 Mata 2023

RWANDA TVET BOARD · RTB · REPUBULIKA Y'U RWANDA

**Dipl.-Ing. Paul UMUKUNZI**
**Director General, RTB**